Urupapuro rw'amakuru y'ukuri ya COVID-19
Inkingo za COVID-19 za Johnson & Johnson zarahagaritswe muri Ohio

Ku wa 13 Mata 2021, Guverineri Mike DeWine, Umuyobozi mukuru w'Ishami rishinzwe Ubuzima muri Ohio, Stephanie McCloud, n'Umuyobozi uhagarariye abaganga mu Ishami rishinzwe Ubuzima muri Ohio, Bruce Vanderhoff, M.D., bagiriye inama Abatanga inkingo bose muri Ohio guhagarika by'agateganyo ikoreshwa ry'urukingo rwa Johnson & Johnson (Jahssen).

Ibi byaje bikurikira inama zatanzwe n'Ikigo cya Leta Zunze Ubumwe za Amerika gishinzwe kugenzura Ubuziranenge bw'Ibiribwa n'Imiti (FDA) n'Ikigo Gishinzwe Gukumira no Kurwanya Indwara (CDC) zo guhagarika by'agateganyo ikoreshwa ry'urukingo rwa Johnson & Johnson kugira ngo habanze hakorwe ubundi bushakashatsi nyuma y'uko hagaragaye kuvura kw'amaraso kudakunze kubaho kwagaragaye ku bantu batandatu muri leta Zunze ubumwe za Amerika nyuma yo guhabwa urukingo.

Hatangajwe kuvura kw'amaraso kudakunze kubaho

Kugeza ubu, doze zisaga miliyoni 6,8 z'urukingo rwa COVID-19 rwa Johnson & Johnson ni zo zimaze gutangwa muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika. Habonetse abantu batandatu bagize ikibazo cyo kuvura kw'amaraso byitwa kubyimba kw'imitsi ijyana amaraso mu bwonko (CVST) harimo no kugira uturemangingo duke tubuza amaraso kuvura (thrombocytopenia), nk'uko bitangazwa na FDA na CDC. Uru ruhurirane rw'ibi bibazo ntirukunze kugaragara. Abo bantu bose byagaragayeho ni abagore bafite hagati y'imyaka 28-48. Ibimenyetso byagaragaye mu minsi itandatu kugeza kuri 13 nyuma yo guhabwa urukingo, kandi umwe we yarapfuye.

Ubuvuzi busabwa kuri iri vura ry'amaraso ryihariye butandukanye n'ubuvuzi busanzwe bukoreshwa ku ivura ry'amaraso risanzwe nk'uko byatangajwe na CDC. Ubusanzwe, ivura ry'amaraso rivurwa n'umuti wa "heparin". Mu gihe bimeze bitya, umuti wa "heparin" ushobora guteza ibyago. Bityo, hakwiye gukoreshwa ubundi buvuzi.

Urukingo rwa Johnson & Johnson rwifashisha verisiyo ya virusi yahinduwe kugira ngo rutange amabwiriza ku turemangingo yo gukora kopi za poroteyine ya virusi bisa ya SARS-CoV-2 (virusi itera COVID-19). Virusi itari nzima, nk'itera ibicurane byo kwitsamura bisanzwe, yifashishwa nk'inzira (igikoresho gitwara) kugira ngo itange amabwiriza yo gukora poroteyine za virusi bisa. Umubiri ubona iyo poroteyine nk'icyonnyi maze ukarema uburyo bw'ubudahangarwa bwo kuyirwanya.

Ibikorwa bikurira

Komite Ngishwanama ku bijyanye n'Inkingo ya CDC (ACIP) yateranye ku wa Gatutu, tariki ya 14 Mata, kugira ngo igenzure ibyo bibazo ubundi inasuzume igisobanuro cyabyo gishoboka. Komite ntiyigeze igira inama Ikigo gishinzwe Gukumira no Kurwanya Indwara (CDC), kandi irateganya guterana mu minsi iri hagati ya 7-10 nyuma yo kurangiza isuzuma ry'ingaruka n'ibyiza. Ikigo gishinzwe kugenzura Ubuziranenge bw'Ibiribwa n'Imiti (FDA) kiziga kuri iryo suzuma ari na ko gikora ubushakashatsi kuri ibyo bibazo. Urukingo rwa Johnson & Johnson ruracyahagritswe ku buryo bw'agateganyo.

Ibi bivuze iki ku bantu bahawe urukingo rwa Johnson & Johnson?

Nk'uko Ikigo gishinzwe kugenzura ubuziranenge bw'ibiribwa n'imiti (CDC) kibitangaza, ingaruka zo kugaragaza ubwo burwayi ziracyari nke ku bantu bahawe urukingo mu gihe kirenga ukwezi gishize. Niba uheruka guhabwa urukingo rwa Johnson & Johnson **mu byumweru bitatu bishize**, CDC irakugira inama yo kujya kwivuza kwa muganga igihe wagize kuribwa umutwe bikabije, kuribwa mu nda, kuribwa amaguru, cyangwa kugorwa no guhumeka.

Abantu ntibakwiye guhangayikishwa no kuribwa umutwe byoroheje n'ibimenyetso bimeze nk'iby'ibicurane bigaragara mu minsi mike nyuma yo guhabwa urukingo. Ni ibisanzwe ko izo ari ngaruka zidafite icyo zitwara ziterwa n'uko ubudahangarwa bw'umubiri buba bwakiriye urukingo.

Ni iki umuntu yakora mu gihe ari kuri gahunda yo guhabwa urukingo rwa Johnson & Johnson?

Abantu bari bategereje gahunda zo guhabwa urukingo rwa Johnson & Johnson bagomba kwitabaza ushinzwe kubakingira kugira ngo abagire inama z'ibijyanye na gahunda zabo. Mu gihe abakingira badafite uburyo bahita babonamo doze ebyiri z'urukingo rwa Moderna cyangwa urwa Pfizer, gahunda y'abashaka urukingo ishobora gukurwaho cyangwa igashyirwa ku yindi tariki y'ubutaha.

Inkingo za Moderna na Pfizer zikoresha ikoranabuhanga ritandukanye n'iry'urukingo rwa Johnson & Johnson. Nta mpungenge zerekeye ubwizerwe zagaragaye mu bushakashatsi bwo mu rwego rw'ubuzima cyangwa kuva hatangwa uruhushya rw'Ikoreshwa ku buryo bw'ingoboka ry'inkingo za messenger RNA (mRNA). Inkingo za MRNA zikoresha uduce tw'uturemangingo ndangasano kugira ngo dutange kode ku turemangingo tw'umubiri maze ikarema poroteyine kuri virusi ya SARS-CoV-2. Poroteyine zikorwa hagendewe ku mabwiriza ya mRNA zikangura ubudahangarwa bw'umubiri, bukawigisha kubona poroteyine ya virusi nk'icyonnyi, ubundi igakora abasirikari bo kuyirwanya.

Igenzura ry'ubwizerwe bw'urukingo rikomeje

Ikigo gishinzwe Gukumira no Kurwanya indwara (CDC) n'abandi bafatanyabikorwa ba Leta Zunze Ubumwe za Amerika bakomeje gukurikirana inkingo nshya ku ngaruka mbi zikomeye zatera bifashishije uburyo bwinshi bw'ikurikirana ry'ubwizererwe bw'urukingo. Iri kurikirana rihoraho rishobora kugaragaraza ingaruka mbi ziterwa n'urukingo zishobora kuba zitaragaragaye mu gihe cy'ubushakashatsi bwo mu rwego rw'ubuvuzi.

Niba hari umuntu ugaragaje ingaruka mbi nyuma yo gukingirwa, umukingira yohereza raporo kuri Sisitemu Itangirwaho Amakuru Ajyanye n'Ingaruka z'Inkingo (VAES). VAERS ni sisitemu y'urwego rw'igihugu ikusanyirizwaho raporo z'abakozi bo mu rwego rw'ubuzima, abakora inkingo, n'abaturage ku byerekeye ingaruka mbi zibaho nyuma yo guhabwa urukingo. Raporo z'amakuru y'ingaruka mbi zititezwe, zisa n'izigaragara kenshi kurusha uko byari byitezwe, cyangwa zigaragaza ibintu bidasanzwe zigomba gukurikiranwa hifashishijwe ubushakashatsi bwihariye.

Igihe ubushakashatsi bugaragaje ko urukingo runaka rwateza ingaruka, abashinzwe kurugenzura bashobora gutanga amabwiriza avuguruye yerekeye abagomba kuruhabwa n'abatagomba kuruhabwa.

Yateguwe ku wa 14 Mata 2021.

Ukeneye andi makuru, wasura urubuga rwa coronavirus.ohio.gov.

Ukeneye ibisubizo by'ibibazo byawe byerekeye COVID-19, wahamagara umurongo w'Ishami Rishinzwe Ubuzima muri Ohio ari wo 1-833-4-ASK-ODH(1-833-427-5634).

Ubuzima bwawe bwo mu mutwe bufite akamaro nk'ubundi buzima bwo ku mubiri. Niba wowe cyangwa umuvandimwe wawe muri kunyura mu bihe by'umuhangayiko bitewe n'icyorezo cya Koronavirusi, ubufasha butangwa amasaha 24/24, mu minsi irindwi. Hamagara umurongo wa telefone wagenewe ibibazo byerekeye COVID-19 ari wo 1-800-720-9616.

Ukeneye andi makuru, wasura urubuga rwa: